رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

بَيَانُ كُفْرِ وَضَلالِ مَنْ زَعَمَ أَنَّهُ يَجُوزُ لِأَحَدٍ الخُرُوجُ مِنْ شَرِيعَةِ مُحَمَّدٍ ﷺ

Ikinyarwanda

كينيارواندي

Ubutumwa bwa cumi na kabiri: Kugaragaza ubuhakanyi n'ubuyobe bw'uwemeza ko byemewe k'uwo ari we wese kudashyira mu bikorwa amategeko ya Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)

Cyanditswe na:
Sheikh Abdul Aziz Ibun Abdallah Ibun Baaz

بَيَانُ كُفْرِ وَضَلَالِ مَنْ زَعَمَ أَنَّهُ يَجُوزُ لِأَحَدٍ الخُرُوجُ مِنْ شَرِيعَةِ مُحَمَّدٍ ﷺ

Ubutumwa bwa cumi na kabiri: Kugaragaza ubuhakanyi n'ubuyobe bw'uwemeza ko byemewe k'uwo ari we wese kudashyira mu bikorwa amategeko ya Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)

لِسَمَاحَةِ الشَّيْخِ العَلَّامَةِ
عَبْدِ العَزِيزِ بْنِ عَبْدِ اللهِ بْنِ بَازٍ
رَحِمَهُ اللهُ

Cyanditswe na: Sheikh
Abdul Aziz Ibun Abdallah Ibun Baaz

بِسْمِ اللهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

Ubutumwa bwa cumi na kabiri: Kugaragaza ubuhakanyi n'ubuyobe bw'uwemeza ko byemewe k'uwo ari we wese kudashyira mu bikorwa amategeko ya Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha)

Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose, amahoro n'imigisha bisakare ku wasozereje Intumwa n'abahanuzi, Intumwa yacu Muhamadi, n'abiwe n'abasangirangendo be bose.

Nyuma y'ibyo: Nasomye inyandiko yatangajwe mu kinyamakuru A-Sharq Al Awsatw muri nomero yacyo ya (5824) yo ku itariki ya 5/ 6/ 1415 H, yanditswe n'uwiyise: Abdul Fattah Al Hayik, ifite umutwe ugira uti: (Imyumvire itari yo).

Incamake y'inyandiko ni: Guhakana kwe ibizwi mu idini ya Isilamu nk'ihame ntakuka, bishimangirwa na Qur'an na Sunat ndetse n'abamenyi bakaba barabyemeranyijeho; ari byo kuba Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaratumwe kubatuye isi bose, we rero yemeza ko utarakurikiye Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ngo anamwumvire, ahubwo akaguma kuba Umuyahudi cyangwa Umunaswara,

uwo aba ari mu idini ry'ukuri. Si ibyo gusa ahubwo anubahuka Nyagasani w'ibiremwa byose Nyir'ubutagatifu ku bushishozi bwe bwo guhana abahakanyi n'abigomeke, akabifata nk'ibitagira ishingiro.

Kandi yagoretse gihamya za Qur'an na Sunat, azishyira aho zitagenewe, anazisobanura akurikije irari rye, maze yirengagiza gihamya z'idini zisobanutse zigaragaza ko ubutumwa bwa Muhamadi (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bugenewe abantu bose, ndetse n'uko uwamwumvise ariko ntamukurikire aba abaye umuhakanyi, n'uko Allah atemera irindi dini iryo ari ryo ryose ritari Isilamu, ndetse n'izindi gihamya zeruye zibigaragaza yirengagije; kugira ngo injiji zishukwe n'amagambo ye, Ibi rero yakoze ni ubuhakanyi bweruye, ndetse bukaba bunamukura mu dini ya Isilamu, ndetse no guhinyuza Allah Nyir'ubutagatifu n'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ibi uwo ari we wese mu bamenyi bafite n'ukwemera basomye iyi nyandiko arabizi.

Icyo umuyobozi akwiye gukora ni: Ni ukumushyikiriza urukiko; kugira ngo asabwe kwicuza, no kumucira urubanza hakurikijwe ibyo amategeko y'idini ateganya.

Kandi Allah Nyir'ubutagatifu yagaragaje ko ubutumwa bwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro

n'imigisha) ari rusange, n'uko ari itegeko kumukurikira ku bantu n'amajini bose, kandi ibyo ntibiyobeye uwo ari we wese ufite nibura ubumenyi buke mu bayisilamu.

Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿قُلۡ يَٰٓأَيُّهَا ٱلنَّاسُ إِنِّي رَسُولُ ٱللَّهِ إِلَيۡكُمۡ جَمِيعًا ٱلَّذِي لَهُۥ مُلۡكُ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِۖ لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَ يُحۡيِۦ وَيُمِيتُۖ فَـَٔامِنُواْ بِٱللَّهِ وَرَسُولِهِ ٱلنَّبِيِّ ٱلۡأُمِّيِّ ٱلَّذِي يُؤۡمِنُ بِٱللَّهِ وَكَلِمَٰتِهِۦ وَٱتَّبِعُوهُ لَعَلَّكُمۡ تَهۡتَدُونَ ١٥٨﴾

Vuga (yewe Muhamadi) uti “Yemwe bantu! Mu by’ukuri njye ndi Intumwa ya Allah yoherejwe kuri mwe mwese. (Allah) ni We ufite ubwami bw’ibirere n’isi. Nta yindi mana ibaho itari We, ni We utanga ubuzima akanatanga urupfu.” Bityo, nimwemere Allah n’Intumwa ye ikaba n’umuhanuzi utari uzi gusoma no kwandika, we wemera Allah akanemera amagambo ye, kandi munamukurikire kugira ngo mubashe kuyoboka. Surat Al A'raf: 158. Nanone Allah aragira ati:

﴿...وَأُوحِيَ إِلَيَّ هَٰذَا ٱلۡقُرۡءَانُ لِأُنذِرَكُم بِهِۦ وَمَنۢ بَلَغَۚ...﴾

(...kandi nahishuriwe iyi Qur’an kugira ngo nyikoreshe mbaburira, (mwe) n’abandi izageraho...) Surat Al An'am: 19. Nanone Allah aragira ati:

﴿قُلۡ إِن كُنتُمۡ تُحِبُّونَ ٱللَّهَ فَٱتَّبِعُونِي يُحۡبِبۡكُمُ ٱللَّهُ وَيَغۡفِرۡ لَكُمۡ ذُنُوبَكُمۡۚ وَٱللَّهُ غَفُورٞ رَّحِيمٞ ٣١﴾

(Vuga (yewe Muhamadi) uti “Niba koko mukunda Allah ngaho nimunkurikire, Allah azabakunda anababababarire ibyaha byanyu. Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimpuhwe.”) Surat Al Im'rani: 31. Nanone Allah aragira ati:

﴿وَمَن يَبۡتَغِ غَيۡرَ ٱلۡإِسۡلَٰمِ دِينٗا فَلَن يُقۡبَلَ مِنۡهُ وَهُوَ فِي ٱلۡأٓخِرَةِ مِنَ ٱلۡخَٰسِرِينَ ٨٥﴾

(Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakirirwa, kandi ku munsi w’imperuka azaba mu banyagihombo.) Surat Al Im'ran: 85. Nanone Allah aragira ati:

﴿وَمَآ أَرۡسَلۡنَٰكَ إِلَّا كَآفَّةٗ لِّلنَّاسِ بَشِيرٗا وَنَذِيرٗا...﴾

(Kandi nta kindi cyatumye tukohereza usibye kuba utanga inkuru nziza no kuba umuburizi ku bantu bose...) Surat Saba-i: 28. Nanone Allah aragira ati:

﴿وَمَآ أَرۡسَلۡنَٰكَ إِلَّا رَحۡمَةٗ لِّلۡعَٰلَمِينَ ١٠٧﴾

(Kandi (yewe Muhamadi) nta yindi mpamvu yatumye tukohereza itari ukugira ngo ube impuhwe ku biremwa byose.) Surat Al An'biya-u: 107. Nanone Allah aragira ati:

﴿...وَقُل لِّلَّذِينَ أُوتُواْ ٱلۡكِتَٰبَ وَٱلۡأُمِّيِّـۧنَ ءَأَسۡلَمۡتُمۡۚ فَإِنۡ أَسۡلَمُواْ فَقَدِ ٱهۡتَدَواْۖ وَّإِن تَوَلَّوۡاْ فَإِنَّمَا عَلَيۡكَ ٱلۡبَلَٰغُۗ وَٱللَّهُ بَصِيرُۢ بِٱلۡعِبَادِ﴾

(Unabwire abahawe ibitabo n'abatazi gusoma no kwandika uti "Ese namwe mwicishije bugufi kuri Allah?" Nibaramuka babaye Abayisilamu, bazaba bayobotse; ariko nibahakana, rwose icyo ushinzwe ni ugusohoza ubutumwa, kandi Allah ni Ubona abagaragu be bihebuje.) Surat Al Im'ran: 20. Nanone Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿تَبَارَكَ ٱلَّذِى نَزَّلَ ٱلْفُرْقَانَ عَلَىٰ عَبْدِهِۦ لِيَكُونَ لِلْعَٰلَمِينَ نَذِيرًا ۝١﴾

(Ubutagatifu ni ubw'uwamanuriye umugaragu we (Muhamadi) igitabo cya Fur'qan (gitandukanya ukuri n'ikinyoma, ari cyo Qur'an), kugira ngo abe umuburizi w'ibiremwa byose.) Surat Al Fur'qan: 1.

Bukhari na Muslim bakiriye Hadith yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«أُعْطِيتُ خَمْسًا لَمْ يُعْطَهُنَّ أَحَدٌ قَبْلِي: نُصِرْتُ بِالرُّعْبِ مَسِيرَةَ شَهْرٍ، وَجُعِلَتْ لِيَ الْأَرْضُ مَسْجِدًا وَطَهُورًا، فَأَيُّمَا رَجُلٍ مِنْ أُمَّتِي أَدْرَكَتْهُ الصَّلَاةُ، فَلْيُصَلِّ، وَأُحِلَّتْ لِيَ الْمَغَانِمُ، وَلَمْ تُحَلَّ لِأَحَدٍ قَبْلِي، وَأُعْطِيتُ الشَّفَاعَةَ، وَكَانَ النَّبِيُّ يُبْعَثُ إِلَى قَوْمِهِ خَاصَّةً، وَبُعِثْتُ إِلَى النَّاسِ عَامَّةً».

"Nahawe ibintu bitigeze bihabwa umuntu n'umwe mbere yanjye: Nahawe gutera ubwoba abanzi nkiri mu ntera y'urugendo rungana n'ukwezi, kandi nahawe isi ngo imbere aho gusalira (umusigiti) ndetse no kuyisukuza; bityo uwo ari we wese mu bayoboke banjye iswalat izasanga aho

azaba ari hose ajye asali, nanaziruriwe iminyago itarigeze izirurirwa undi uwo ari we wese mbere yanjye, nanahawe kuzakora ubuvugizi. Intumwa y'Imana yajyaga yoherezwa ku bantu runaka, naho njye natumwe ku bantu bose."

Ibi ni ibisobanuro byeruye by'uko ubutumwa bw'Intumwa yacu Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ari rusange ku batuye isi bose, ndetse no kuba amategeko yose yayibanjirije yarasimbuwe n'amategeko yaje izanye, kandi ko utazakurikira Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ngo anamwumvire; aba ahakanye akanasuzugura, akaba akwiye igihano cye. Allah aragira ati:

﴿...وَمَن يَكۡفُرۡ بِهِۦ مِنَ ٱلۡأَحۡزَابِ فَٱلنَّارُ مَوۡعِدُهُۥ...﴾

(...Naho abo mu dutsiko bahakanye uko kuri, umuriro ni ryo sezerano ryabo...) Surat Hud: 17. Allah nanone aragira ati:

﴿...فَلۡيَحۡذَرِ ٱلَّذِينَ يُخَالِفُونَ عَنۡ أَمۡرِهِۦٓ أَن تُصِيبَهُمۡ فِتۡنَةٌ أَوۡ يُصِيبَهُمۡ عَذَابٌ أَلِيمٌ﴾

(Bityo, abigomeka ku mategeko yayo (Intumwa) bajye bitwararika batazavaho bakagerwaho n’ikigeragezo cyangwa bakagerwaho n’ibihano bibabaza.) Surat A-Nur: 63. Allah nanone aragira ati:

﴿وَمَن يَعۡصِ ٱللَّهَ وَرَسُولَهُۥ وَيَتَعَدَّ حُدُودَهُۥ يُدۡخِلۡهُ نَارًا خَٰلِدٗا فِيهَا وَلَهُۥ عَذَابٞ

﴿مُّهِينٌ ١٤﴾

(Naho uzigomeka kuri Allah n'Intumwa Ye akanarengera imbago ze, azamwinjiza mu muriro azabamo ubuziraherezo, ndetse azahanishwa ibihano bisuzuguza.) Surat A-Nisa-i: 14. Allah nanone aragira ati:

﴿...وَمَن يَتَبَدَّلِ ٱلۡكُفۡرَ بِٱلۡإِيمَٰنِ فَقَدۡ ضَلَّ سَوَآءَ ٱلسَّبِيلِ﴾

(N'uhisemo ubuhakanyi aretse ukwemera, rwose aba ayobye inzira igororotse...) Surat Al Baqarat: 108. Imirongo ya Qur'an ivuga kuri ibi ni myinshi.

Kandi Allah Nyir'ubutagatifu yahuje kumvira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no kumwumvira, anagaragaza ko uzemera irindi dini ritari Isilamu azagerwaho n'igihombo, ntazakirirwa icyiru cyangwa incungu, maze aravuga ati:

﴿وَمَنْ يَبْتَغِ غَيْرَ الْإِسْلَامِ دِينًا فَلَنْ يُقْبَلَ مِنْهُ وَهُوَ فِي الْآخِرَةِ مِنَ الْخَاسِرِينَ ٨٥﴾

(Uzahitamo idini ritari Isilamu, ntabwo azaryakirirwa, kandi ku munsi w'imperuka azaba mu banyagihombo.) Surat Al Im'rani: 85. Allah aragira ati:

﴿مَنْ يُطِعِ الرَّسُولَ فَقَدْ أَطَاعَ اللَّهَ...﴾

(Uwumviye Intumwa (Muhamadi), mu by'ukuri aba yumviye Allah) Surat A-Nisa-i: 80. Nanone

Allah aragira ati:

﴿قُلْ أَطِيعُوا اللَّهَ وَأَطِيعُوا الرَّسُولَ فَإِنْ تَوَلَّوْا فَإِنَّمَا عَلَيْهِ مَا حُمِّلَ وَعَلَيْكُمْ مَا حُمِّلْتُمْ وَإِنْ تُطِيعُوهُ تَهْتَدُوا...﴾

(Vuga (yewe Muhamadi) uti “Nimwumvire Allah munumvire Intumwa, ariko nimuhakana (mumenye ko) iyo Ntumwa izabazwa ibyo yashinzwe, namwe mukabazwa ibyo mwashinzwe.” Nyamara nimuramuka muyumviye muzaba muyobotse.) Surat A-Nur: 54. Nanone Allah aragira ati:

﴿إِنَّ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ وَالْمُشْرِكِينَ فِي نَارِ جَهَنَّمَ خَالِدِينَ فِيهَا أُولَئِكَ هُمْ شَرُّ الْبَرِيَّةِ ۝٦﴾

(Mu by’ukuri abahakanye bo mu bahawe igitabo ndetse n’ababangikanyamana bazaba mu muriro wa Jahanamu ubuziraherezo; abo ni bo babi mu biremwa.) Surat Al Bayinat: 6.

Kandi Muslim yakiriye mu gitabo cye A-Swahihi ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

«وَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِهِ؛ لَا يَسْمَعُ بِي أَحَدٌ مِنْ هَذِهِ الْأُمَّةِ، يَهُودِيٌّ وَلَا نَصْرَانِيٌّ، ثُمَّ يَمُوتُ وَلَمْ يُؤْمِنْ بِالَّذِي أُرْسِلْتُ بِهِ؛ إِلَّا كَانَ مِنْ أَهْلِ النَّارِ».

«Ndahiye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko nta n'umwe mu bayoboke banjye uzanyumva yaba ari umuyahudi cyangwa se umunaswara, maze agapfa atemeye ibyo noherejwe, usibye ko azaba

umwe mu bantu bo mu muriro».

Kandi Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasobanuye binyuze mu bikorwa byayo n'imvugo yayo ko umuntu utarinjiye mu idini rya Isilamu, idini rye ritemewe, nuko irwanya abayahudi n'abanaswara nk'uko yarwanyije abandi abahakanyi batari bo, inafata umusoro (Jizya) ku bawumuhaye muri bo; kugira ngo batabuza ubutumwa kugera ku basigaye muri bo, ndetse no kugira ngo ushaka muri bo yinjire muri Isilamu adafite ubwoba bw'uko abantu be bamukumira, bamubuza cyangwa se bakamwica.

Bukhari na Muslim bakiriye Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Ubwo twari mu musigiti, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarasohotse nuko iravuga iti:

«انْطَلِقُوا إِلَى يَهُودَ، فَخَرَجْنَا مَعَهُ حَتَّى جِئْنَا بَيْتَ الْمِدْرَاسِ، فَقَامَ النَّبِيُّ ﷺ، فَنَادَاهُمْ فَقَالَ :يَا مَعْشَرَ يَهُودَ، أَسْلِمُوا تَسْلَمُوا، فَقَالُوا: قَدْ بَلَّغْتَ يَا أَبَا الْقَاسِمِ، فَقَالَ لَهُمْ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: ذَلِكَ أُرِيدُ، أَسْلِمُوا تَسْلَمُوا، فَقَالُوا: قَدْ بَلَّغْتَ يَا أَبَا الْقَاسِمِ، فَقَالَ لَهُمْ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: ذَلِكَ أُرِيدُ، ثُمَّ قَالَهَا الثَّالِثَةَ...».

"«Nimuze tugende mu bayahudi, nuko dusohokana na we kugeza tugeze ku nzu bahuriramo yitwaga Al Mid'ras bahuriragamo bari kwiga (Tawurat), nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irahaguruka,

irabahamagara iravuga iti: Yemwe mbaga y'abayahudi, nimuyoboke ubuyisilamu muzarokoka, nuko baravuga bati: Wamaze gusohoza ubutumwa yewe Abu Al Qasim, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Ibyo ni byo ngamije, nimuyoboke ubuyisilamu muzarokoka, nuko baravuga bati: Wamaze gusohoza ubutumwa yewe Abu Al Qasim, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irababwira iti: Ibyo ni byo ngamije, hanyuma irabivuga bwa gatatu...»." Kugera ku musozo w'iyi hadith.

Icyigamijwe: Ni uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yagiye ku Bayahudi bari mu idini ryabo ry'abayahudi mu ishuri ryabo bigiragamo, ibahamagarira kuyoboka ubuyisilamu, iranababwira iti: «Nimuyoboke ubuyisilamu muzarokoka», ndetse ibibasubiramo.

Ni nako yohereje urwandiko rwe kuri Hiraq'li amuhamagarira ubuyisilamu, anamubwira ko aramutse abyanze, azabarwaho icyaha cy'abanze kuba abayisilamu kubera kubyanga kwe. Bukhari na Muslim bakiriye mu bitabo byabo by'impamo, ko Haraq'li yatumije urwandiko rw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), maze ararusoma, asangamo ibi bikurikira:

«بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ، مِنْ مُحَمَّدٍ رَسُولِ اللَّهِ إِلَى هِرَقْلَ عَظِيمِ الرُّومِ، سَلَامٌ عَلَى

مَنِ اتَّبَعَ الْهُدَى، أَمَّا بَعْدُ: فَإِنِّي أَدْعُوكَ بِدِعَايَةِ الْإِسْلَامِ، أَسْلِمْ تَسْلَمْ، وَأَسْلِمْ يُؤْتِكَ اللَّهُ أَجْرَكَ مَرَّتَيْنِ، فَإِنْ تَوَلَّيْتَ، فَإِنَّ عَلَيْكَ إِثْمَ الْأَرِيسِيِّينَ وَ

«Ku izina rya Allah, Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi, urwandiko ruturutse kuri Muhamadi Intumwa ya Allah rwandikiwe Hiraq'li umuyobozi w'ikirenga w'Abaromani, amahoro abe ku wakurikiye umuyoboro w'ukuri. Nyuma y'ibyo: Mu by'ukuri ndaguhamagarira umuhamagaro wa Isilamu, yoboka Isilamu ube mu mahoro, kandi yoboka Isilamu Allah azaguha ibihembo byawe inshuro ebyiri, ariko nutera umugongo, mu by'ukuri uzaba wikoreye ibyaha by'Aba arisiyina»

﴿يَٰٓأَهۡلَ ٱلۡكِتَٰبِ تَعَالَوۡاْ إِلَىٰ كَلِمَةٖ سَوَآءِۭ بَيۡنَنَا وَبَيۡنَكُمۡ أَلَّا نَعۡبُدَ إِلَّا ٱللَّهَ وَلَا نُشۡرِكَ بِهِۦ شَيۡـٔٗا وَلَا يَتَّخِذَ بَعۡضُنَا بَعۡضًا أَرۡبَابٗا مِّن دُونِ ٱللَّهِۚ فَإِن تَوَلَّوۡاْ فَقُولُواْ ٱشۡهَدُواْ بِأَنَّا مُسۡلِمُونَ ٦٤﴾

Allah aragira ati: (Yemwe abahawe igitabo! Nimuze (duhurize) ku ijambo riboneye hagati yacu namwe; ry’uko tutagomba kugira uwo tugaragira utari Allah, kandi ntitugire icyo tumubangikanya na cyo, ndetse bamwe muri twe ntibazagire abandi ibigirwamana basenga mu cyimbo cya Allah.” Ariko nibabitera umugongo, muvuge muti “Nimuhamye ko twe turi abicisha bugufi (Abayisilamu).” "Surat Al Imran: 64»."

Hanyuma ubwo bari bamaze kubitera utwatsi bakanga kwinjira mu buyisilamu; Intumwa y'Imana

(Imana iyihe amahoro n'imigisha) yarabarwanyije, yo n'abasangirangendo bayo (Imana ibishimire), inabategeka gutanga umusoro.

Kandi mu gushimangira ubuyobe bwabo, ndetse n'uko bari ku idini ritari ryo, nyuma y'uko risimbuwe n'idini rya Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha); Allah yategetse umuyisilamu gusaba Allah buri munsi, muri buri swalat ndetse no muri buri rakat ko Allah amuyobora mu nzira igororotse, y'ukuri kandi yemewe, ari yo: Isilamu, No kumurinda inzira y'abarakariwe, ari bo: Abayahudi n'abandi bameze nka bo, bazi ko bari mu buyobe ariko bagakomeza kubitsimbararaho, Kandi amurinde inzira y'abayobye, ba bandi bakora ibikorwa byo kugaragira Imana badafitiye ubumenyi, bakiyitirira ko bari mu nzira y'ukuri, nyamara bari mu nzira y'ubuyobe, abo akaba ari: abanaswara, n'abandi basa na bo mu yandi mahanga bakora ibikorwa byo kugaragira Imana mu buyobe n'ubujiji, Ibyo byose: Ni ukugira ngo umuyisilamu amenye neza adashidikanya ko idini ryose ritari Isilamu ari iry'ikinyoma, kandi ko uwo ari we wese ugaragira Allah atari mu buyisilamu aba ayobye, ndetse n'utemera ibyo ntaba ari mu bayisilamu. Na gihamya kuri iyi ngingo ni nyinshi dukura muri Qur'an no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Bityo, icyo nyiri inyandiko (Abdul Fatah) asabwa

ni: kwihutira kwicuza by'ukuri, no kwandika inyandiko atangazamo kwicuza kwe, kandi uwicujije kwa Allah ukwicuza k'ukuri; Allah amwakirira ukwicuza kwe; kuko Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿...وَتُوبُوٓاْ إِلَى ٱللَّهِ جَمِيعًا أَيُّهَ ٱلۡمُؤۡمِنُونَ لَعَلَّكُمۡ تُفۡلِحُونَ﴾

(Mujye mwicuza kwa Nyagasani wanyu mwese, yemwe abemeramana, kugira ngo mukiranuke!) Surat A-Nur: 31, Allah Nyir'ubutagatifu aragira ati:

﴿وَٱلَّذِينَ لَا يَدۡعُونَ مَعَ ٱللَّهِ إِلَٰهًا ءَاخَرَ وَلَا يَقۡتُلُونَ ٱلنَّفۡسَ ٱلَّتِي حَرَّمَ ٱللَّهُ إِلَّا بِٱلۡحَقِّ وَلَا يَزۡنُونَۚ وَمَن يَفۡعَلۡ ذَٰلِكَ يَلۡقَ أَثَامٗا ٦٨ يُضَٰعَفۡ لَهُ ٱلۡعَذَابُ يَوۡمَ ٱلۡقِيَٰمَةِ وَيَخۡلُدۡ فِيهِۦ مُهَانًا ٦٩ إِلَّا مَن تَابَ وَءَامَنَ وَعَمِلَ عَمَلٗا صَٰلِحٗا فَأُوْلَٰٓئِكَ يُبَدِّلُ ٱللَّهُ سَيِّـَٔاتِهِمۡ حَسَنَٰتٖۗ وَكَانَ ٱللَّهُ غَفُورٗا رَّحِيمٗا ٧٠﴾

(Ni na bo batabangikanya Allah n’izindi mana, ntibice icyo Allah yaziririje bitanyuze mu kuri, kandi ntibanasambane. Kandi ukora ibyo azahura n’ibihano (bibabaza).

(Azongererwa ibihano ku munsi w’imperuka, kandi azabibamo ubuziraherezo asuzuguritse.)

(Usibye uzicuza akanemera (Allah) ndetse akanakora ibikorwa byiza; abo ibikorwa byabo bibi Allah azabihinduramo ibyiza. Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimpuhwe.) Surat Al Fur'qan: 68-70. No kubera imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«الإِسْلَامُ يَهْدِمُ مَا كَانَ قَبْلَهُ، وَالتَّوبَةُ تَهْدِمُ مَا كَانَ قَبْلَهَا».

«Isilamu ihanagura ibyaha byakozwe mbere, kandi kwicuza bihanagura ibyaha byabanje.» N'imvugo ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

«التَّائِبُ مِنَ الذَّنْبِ كَمَنْ لَا ذَنْبَ لَهُ».

"Uwicujije icyaha, abarwa nk'utagikoze."

Imirongo ya qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana zivuga kuri ibi ni nyinshi.

Ndasaba Allah Nyir'ubutagatifu usumba byose kutwereka ukuri nyako, akaduha kugukurikira, no kutwereka ikinyoma nyacyo, akaduha kucyirinda, no kutugirira ubuntu twebwe, n'umwanditsi Abdul Fatah, ndetse n'abayisilamu bose akaduha ukwicuza nyako, ndetse akaturinda twese ibigeragezo biyobya no kumvira irari na Shitani. Kuko ariwe ufite ububasha kuri ibyo akaba anabishoboye.

Allah asakaze amahoro n'imigisha ku Ntumwa yacu Muhamadi, n'umuryango we, n'abasangirangendo be, n'ababakurikiye mu gukora ibyiza kugeza ku munsi w'imperuka.

***

rw397v5.0 - 25/10/2026

حرمين

رئاسة الشؤون الدينية
بالمسجد الحرام والمسجد النبوي

رسالة الحرمين

Message of The Two Holy Mosques

Guidance content for the visitors of the Holy Mosque and the Prophet's Mosque in languages.